

**IMYANZURO Y'INAMA YA 15 Y'INTEKO RUSANGE Y'ISHYIRAHAMWE
RY'UTURERE N'UMUJYI WA KIGALI MU RWANDA (RALGA) YABAYE KU
ITARIKI YA 23 MATA 2011**

Inama y' Inteko Rusange ya 15 y'Ishyirahamwe ry'Uturere n'Umujyi wa Kigali mu Rwanda (RALGA) yateranye ku wa 23 Mata 2011, mu cyumba cy'inama cya Hoteli Serena, mu Karere ka Nyarugenge, mu Muji wa Kigali.

Iyo nama yitabiriwe n'Abanyamuryango ba RALGA bahagarariye Uturere n'Umujyi wa Kigali.

Inama y'Inteko Rusange yemeje ingingo zari ku murongo w'ibygwa arizo zikurikira :

- ❖ Gutora abagize Komite Nyobozi.
- ❖ Gutora abagize Komite Ngenzuzi.

Mbere yo kwiga kuri izi ngingo, Umunyamabanga Mukuru wa RALGA yatanze ikiganiro asobanura imikorere n'imikoranire y'inzeho z'Ishyirahamwe, gahunda z'ibikorwa n'imishinga bikorera mu Bunyamabanga Bukuru bwa RALGA ndetse n'amabwiriza agenga amatora y'Abagize Komite Nyobozi na Komite Ngenzuzi za RALGA.

Nyuma yo gusobanura amabwiriza ajyanye n'amatora, Inteko Rusange ya RALGA yafashe imyanzuro ikurikira :

[Handwritten signatures]



1. Inteko Rusange ya RALGA yemeje ko abanyamuryango bose bagomba gukorana na LG Consult mu kubona “services” za “recruitment”;
2. Inteko Rusange ya RALGA yasabye ko LG Consult irushaho kunoza gahunda yo gukorana n’Abanyamuryango ba RALGA hagategurwa amasezerano yihariye izagirana n’Uturere n’Umujyi wa Kigali ahagomba kugaragazwa service zose ziyemeza gutanga ndetse n’ibiciro byihariye kuri service zikunda gutangwa nko gutanga akazi (recruitment), hagakorwa “subscription”; byose bigakorwa hitawe ku mategeko ya Repubulika y’u Rwanda mu itangwa ry’amasoko;
3. Inteko Rusange ya RALGA yemeje ko LG Consult igomba kugira Inama y’Ubutegetsi yihariye igizwe n’abahagarariye abanyamuryango ba RALGA n’abandi bashobora kuyifasha kurangiza neza inshingano. Inteko Rusange ikaba isaba Komite Nyobozi ya RALGA imaze gutorwa gukurikirana imikorere ya LG Consult kandi ikazihutira no kunoza ibijyanye n’imiyoborere y’icyo kigo hagamijwe kugira ngo abanyamuryango babigiremo uruhare;
4. Inteko Rusange ya RALGA yemeje amabwiriza agenga amatora y’abagize Komite Nyobozi na Komite Ngenzuzi za RALGA ishingiye ku mategeko agenga Ishyirahamwe;
5. Inteko Rusange ya RALGA yemeje ko amatora y’abagize Komite Nyobozi na Komite Ngenzuzi ahagararirwa n’aba bakurikira:



- RUSHINGABIGWI Bosco, Umuyobozi
- MURASI Innocente, Umugenzuzi
- KAZUNGU Patrick, Umwanditsi

6. Inteko Rusange ya RALGA yatoye kandi yemeza abagize Komite Nyobozi ya RALGA ku buryo bukurikira:

- Perezida: KANGWAGYE Justus
- Visi Prezida: Dr. NYIRAHABIMANA Jeanne
- Umunyamabanga /Mubitsi: NIWEMUGENI Christine
- Perezida wa Komisiyo y'Amategeko no Gutegura ingamba za Politiki: MUTAKWASUKU Yvonne
- Perezida wa Komisiyo yo Kongera Ubushobozi: INGABIRE Yves Bernard
- Perezida wa Komisiyo y'Imibereho Myiza y'Abaturage: NIYOTWAGIRA François
- Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu: GASASIRA Janvier

7. Inteko Rusange ya RALGA yatoye kandi yemeza abagize Komite Ngenzuzi ya RALGA ku buryo bukurikira:

- Prof. NSHIMIYIMANA Juvénal, Perezida
- KAYITESI Immaculée, Membre
- MUSEVENI Sinèse, Membre

[Handwritten signatures]





8. Inteko Rusange ya RALGA irasaba abanyamuryango b'Ishyirahamwe gufatanya n'inzego zimaze gutorwa mu rwego rwo kurushaho guha Ishyirahamwe umwanya rikwiye kandi bagakoresha ubumenyi n'ubushobozi rifite mu rwego rwo kurushaho guteza imbere imiyoborere myiza y'igihugu binyuze mu nshingano zaryo z'Ubuvugizi no Kongerera Ubushobozi abanyamuryango.


GUSHIMIRA

1. Inteko Rusange ya RALGA irashimira Komite Nyobozi na Komite Ngenzuzi bicyuye igihe ku bwitange n'umurava byabaranze mu kazi bari barashinzwe;
2. Inteko Rusange ya RALGA irashimira abitabiriye iyi nama y'Inteko Rusange cyane cyane mu bitekerezo byubaka batanze.

Bikorewe i Kigali, ku wa 23 Mata 2011


KANGWAGYE Justus
Perezida wa RALGA




NIWEMUGENI Christine
Umunyababanga/Mubitsi
wa RALGA